S. Central
info service (tous)
(Cour)
4.5.98

D/034/2



**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA N'UBUTWERERANE**
**<u>B.P. 179 KIGALI</u>**

**Kigali, kuwa** 27 AVR. 1998
**N°213/06.01/INFOR**

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**
**<u>Kigali</u>**

**Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**
**<u>Kigali</u>**

**<u>Impamvu</u>**: Ikiganiro Government Committee on Information yagiranye n'abanyamakuru.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika,

Nejejwe no kubagezaho bimwe mu byaranze ikiganiro Government Committee on Information yagiranye n'abanyamakuru, aba Leta, abikorera ku giti cyabo, abanyamakuru mpuzamahanga n'abashinzwe itangazamkuru muri za Ambasade n'Imiryango Mpuzamahanga bikorera mu Rwanda, taliki ya 23/4/1998; icyo kiganiro kikaba cyarabereye mu Cyumba cy'inama cyo muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.

Mu itangazo nasomye ntangiza icyo kiganiro, nibanze ku ngingo eshatu zikurikira; ari nazo zibanzweho mu kubaza ibibazo:

1) Umutekano;
2) Uruhare rwa Leta y'u Bufaransa mu itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda muri 1994;
3) Igihano cy'urupfu cyagombaga gutangwa bukeye bwaho, taliki ya 24/4/1998, nk'uko inkiko z'u Rwanda zabyemeje. Iryo tangazo turibohererejе ku mugereka w'iyi baruwa.

Kubera ko ibisobanuro abanyamakuru bari bategereje byari byashubirijwe muri ririya tangazo, ibibazo byabaye bike, bikaba byaribanze ku ngingo zikurikira:

1) Ku birebana n'abashyira mu majwi igihano cy'urupfu mu ruhame, abagize Government Committee on Information batangarije abanyamakuru ko amateka y'u Rwanda agaragaza ko atari ubwa mbere igihano nk'icyo gitangiwe mu ruhame; ariko abo cyahawe, nta muntu cyangwa Umuryango Mpuzamahanga wigeze ubasabira imbabazi.
   - Mu gihe cya gikoloni, mu myaka y'1920, RUKARA rwa BISHINGWE wo mu Mulera mu Ruhengeri yaranyonzwe mu ruhame, kubera ko yari yishe umuzungu;
   - Kuri Repubulika ya mbere, mu myaka ya za 1960, abo bitaga inyenzi biciwe mu ruhame mu Ruhengeri;
   - Mu minsi ishize, abasilikare bitwaye nabi, bakavutsa ubuzima abaturage bagomba kurinda, barasiwe mu ruhame.

Abagize Government Committee on Information bagaragaje ko bitangaje kubona hasabirwa imbabazi abantu bayoboraga igihugu, bari bazi amategeko, bateguye bakanashyira mu bikorwa itsembabwoko n'itsembatsemba.

2) Hari umunyamakuru wasobanuje niba itegeko ryavugaga ko bitemewe gutanga igihano cy'urupfu mu ruhame ryaravuyeho. Abagize Government Committee on Information bamushubije ko iryo tegeko ryavuguruwe; rikaba rijyanye n'igihe tugezemo; bityo hakaba hari ibihano bizajya bitangirwa mu ruhame kuri ba ruharwa bamamaye ahantu bagiye bakorera amarorerwa, kugira ngo bibere isomo Abanyarwanda, n'ibindi bizajya bitangirwa ahiherereye, nko mu magereza. Twaboneyeho kumenyesha abanyamakuru ko iryo tegeko ribuza abantu bose gufata amafoto n'amajwi, mu gihe hatagwa igihano cyo kwicwa.

3) Umunyamakuru yabajije niba hari abandi bantu bakatiwe urwo gupfa, ariko bakaba baratse imbabazi za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Umushinjacyaha Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, Bwana RWAGASORE, wunganiraga abagize Government Committee on Information, yashubije ko hari abantu 33 bakatiwe urwo gupfa, basabye imbabazi za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, muri bo 22 bakaba barabonye igisubizo, naho abandi bakaba bagitegereje igisubizo kuko dosiye zabo zitujuje ibyangobwa byose bisabwa.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;
Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika;

Ngizo zimwe mu ngingo zaranze ikiganiro Government Committee on Information yagiranye yagiranye n'abanyamakuru, taliki ya 23/4/1998.

Mbifurije kubyakira neza kandi mugire amahoro.

**Dr. Anasitazi GASANA**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
- Madamu, Bwana Minisitiri, Sekereteri wa Leta (Bose)
- Abagize Government Committee on Information (Bose)
  Kigali

Kigali, kuwa 27 AVR. 1998
N°213/06.01/INFOR

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA**
**N'UBUTWERERANE**
**B.P. 179 KIGALI**

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**
**Kigali**

**Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**
**Kigali**

**Impamvu**: Ikiganiro Government Committee on Information yagiranye n'abanyamakuru.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika,

Nejejwe no kubagezaho bimwe mu byaranze ikiganiro Government Committee on Information yagiranye n'abanyamakuru, aba Leta, abikorera ku giti cyabo, abanyamakuru mpuzamahanga n'abashinzwe itangazamkuru muri za Ambasade n'Imiryango Mpuzamahanga bikorera mu Rwanda, taliki ya 23/4/1998; icyo kiganiro kikaba cyarabereye mu Cyumba cy'inama cyo muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.

Mu itangazo nasomye ntangiza icyo kiganiro, nibanze ku ngingo eshatu zikurikira; ari nazo zibanzweho mu kubaza ibibazo:

1) Umutekano;
2) Uruhare rwa Leta y'u Bufans mu itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda muri 1994;
3) Igihano cy'urupfu cya[...]ltaga gutangwa bukeye bwaho, taliki ya 24/4/1998, nk'uko inkiko z'u Rw[...]a zabyemeje. Iryo tangazo turibohereje ku mugereka w'iyi baruwa.

Kubera ko ibisobanu[...]anyamakuru bari bategereje byari byashubirijwe muri ririya tangazo, ibibazo byabaye bik[...]aba byaribanze ku ngingo zikurikira:

1) Ku birebana n'abashy[...] majwi igihano cy'urupfu mu ruhame, abagize Government Committee on Inform[...]tangarije abanyamakuru ko amateka y'u Rwanda agaragaza ko atari ubwa mbere ig[...]k'icyo gitangiwe mu ruhame; ariko abo cyahawe, nta muntu cyangwa Umuryang[...]amahanga wigeze ubasabira imbabazi.
   - Mu gihe c[...]oni, mu myaka y'1920, RUKARA rwa BISHINGWE wo mu Mulera m[...]eri yaranyonzwe mu ruhame, kubera ko yari yishe umuzungu;
   - Kuri Re[...]geri; [...]ya mbere, mu myaka ya za 1960, abo bitaga inyenzi biciwe mu ruhame [...] abasilikare bitwaye nabi, bakavutsa ubuzima abaturage bagomba kurind[...]
   - Mu mi[...]e mu ruhame.

Abagize Government Committee on Information bagaragaje ko bitangaje kubona hasabirwa imbabazi abantu bayoboraga igihugu, bari bazi amategeko, bateguye bakanashyira mu bikorwa itsembabwoko n'itsembatsemba.

2) Hari umunyamakuru wasobanuje niba itegeko ryavugaga ko bitemewe gutanga igihano cy'urupfu mu ruhame ryaravuyeho. Abagize Government Committee on Information bamushubije ko iryo tegeko ryavuguruwe; rikaba rijyanye n'igihe tugezemo; bityo hakaba hari ibihano bizajya bitangirwa mu ruhame kuri ba ruharwa bamamaye ahantu bagiye bakorera amarorerwa, kugira ngo bibere isomo Abanyarwanda, n'ibindi bizajya bitangirwa ahiherereye, nko mu magereza. Twaboneyeho kumenyesha abanyamakuru ko iryo tegeko ribuza abantu bose gufata amafoto n'amajwi, mu gihe hatagwa igihano cyo kwicwa.

3) Umunyamakuru yabajije niba hari abandi bantu bakatiwe urwo gupfa, ariko bakaba baratse imbabazi za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Umushinjacyaha Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, Bwana RWAGASORE, wunganiraga abagize Government Committee on Information, yashubije ko hari abantu 33 bakatiwe urwo gupfa, basabye imbabazi za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, muri bo 22 bakaba barabonye igisubizo, naho abandi bakaba bagitegereje igisubizo kuko dosiye zabo zitujuje ibyangobwa byose bisabwa.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;
Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika;

Ngizo zimwe mu ngingo zaranze ikiganiro Government Committee on Information yagiranye yagiranye n'abanyamakuru, taliki ya 23/4/1998.

Mbifurije kubyakira neza kandi mugire amahoro.

**Dr. Anasitazi GASANA**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
- Madamu, Bwana Minisitiri, Sekereteri wa Leta (Bose)
- Abagize Government Committee on Information (Bose)
  Kigali

# ITANGAZO RYA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE KUGEZA AMAKURU Y'IMVAHO KU BANYARWANDA N'AMAHANGA

*(Kigali 23/04/1998)*

Komite y'igihugu ishinzwe kugeza amakuru y'imvaho ku Banyarwanda n'amahanga yiyemeje kujya ibonana n'abanyamakuru bose rimwe mu byumweru bibiri kugira ngo ibagezeho by'imvaho uko ibintu biba byifashe mu gihugu n'ibyo Leta y'Ubumwe ikora buri gihe kugira ngo amahoro aganze mu gihugu n'amajyambere arusheho gusagamba.

**Mu kiganiro cy'uyu munsi, turibanda ku bintu bitatu:**

1. Umutekano
2. Uruhare rwa Leta y'u Bufaransa mu itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda muri 1994
3. Igihano cy'urupfu kizatangwa ejo nk'uko inkiko z'u Rwanda zacyemeje.

## 1. <u>Umutekano mu gihugu</u>

Kuba ahantu hamwe na hamwe mu majyaruguru y'u Rwanda hari ibikorwa by'ubwicanyi bikorwa n'udutsiko tw'abantu batsimbaraye ku irondakoko, itsembabwoko n'itsembatsemba, ni ikimenyetso kigaragaza ko Leta y'Ubumwe bw'igihugu igifite inzira ndende yo kugorora abanyarwanda no kurandura burundu imbuto mbi yabibwe muri iki gihugu imyaka n'imyaka.

Ubundi u Rwanda nk'igihugu cyigenga, nta kibazo rufite cya gisirikare cyaba cyugarije ubusugire bwacyo. Imipaka y'u Rwanda ni mizima. Irarinzwe. Tubanye neza n'amahanga, uhereye ku bihugu bidukikije. Leta y'Ubumwe irayobora u Rwanda ishingiye ku mahame-shingiro: Ubumwe, Leta igendera ku mategeko, kubahiriza ubuzima bwa muntu, kwimakaza umuco wa demokarasi mu gihugu, no gusangira ubutegetsi n'ibindi byiza by'igihugu, ntawe uhejwe kubera ubwoko bwe, idini rye, akarere akomokamo, igitsina cye n'ibindi. Ntawigeze apinga aya mahame-shingiro Leta y'Ubumwe iyobreraho igihugu ngo avuge ko adahwitse ko atabereye u Rwanda n'abanyarwanda, maze ngo azane aye mahame ya politiki, abe yanavuga ko ari yo arwanira.

Leta y'u Rwanda iratangariza abanyarwanda n'amahanga ko ibikorwa by'ubwicanyi bikorwa na turiya dutsiko tw'abicanyi nyine, ubwo bugizi bwa nabi bw'abo ngabo nta na rimwe buzarangaza Leta y'u Rwanda, ngo ibe yateshuka ku nshingano zayo zo kubaka u Rwanda rushyashya, ruzima, rushingiye kuri ariya mahame-shingiro tumaze kuvuga haruguru.

## 2. Uruhare rw'u Bufaransa mbere y'itsembabwoko n'itsembatsemba ryo muri 1994, mu gihe ryabaga na nyuma yaryo

Leta y'u Rwanda yatangajwe n'ibinyoma byaranze amagambo uwari Minisitiri w'Intebe w'u Bufaransa, Bwana Eduwaridi BALLADUR yatangarije Komisiyo y'Abadepite b'Abafaransa ishinzwe gutara amakuru y'imvaho ku ruhare rwa Leta y'u Bufaransa mu itsembabwoko n'itsembatsemba byabereye mu Rwanda muri 1994.

Uwari Minisitiri w'Intebe w'u Bufaransa yabeshye iriya Komisiyo yabo ko icyiswe « Zone Turquoise » ni ukuvuga akarere k'u Rwanda kagenzurwaga na Leta y'u Bufaransa, ngo byari ukurengera abanyarwanda, kandi ahubwo byarabaye kubicisha. Urugero ni Bisesero, hapfiriye abantu hafi 50.000, kandi hari muri Turquoise Zone.

Abasirikare ba Leta y'u Bufaransa bari barashyizeho kariya karere kabo, kugira ngo bafashe Interahamwe, abahoze ari ingabo zatsinzwe n'abahoze ari abanyapolitiki muri Leta yateguye ikanakora itsembabwoko n'itsembatsemba, babone uko bica bitonze abo bashaka kwica, kugira ngo babone uko basahura amafaranga yose yari muri Banki Nkuru y'Igihugu, imbunda n'izindi ntwaro za gisirikare zari mu gihugu no gutunda abaturage, babajyana hanze ngo igihugu gisigaremo ubusa, bazabone uko bagaruka igihiriri, baje kwihimura.

Mwibuke ko icyo gihe Leta ya F. MITTERRAND na Guverinoma ya E. BALLADUR batangaje ko ngo mu Rwanda habaye amatora, abantu aho gukoresha ikaramu n'urupapuro nk'uko bigenda ahandi, bo bagakoresha ibirenge bagenda, bahunga, berekana ko badashaka icyo bitaga Leta ya FPR n'ibyitso byayo by'amashyaka yari mu gihugu imbere akarwanya ingoma y'igitugu ya HABYARAMANA akanitandukanya n'ibitekerezo by'itsembabwoko n'itsembatsemba, akanabirwanya ku mugaragaro.

Hari ibintu byinshi bigaragaza uruhare rw'u Bufaransa mu itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu Rwanda.

Uretse ko na Hubert VEDRINE, wari Umunyabanga Mukuru muri Perezidansi y'u Bufaransa (ubu akaba ari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga), watangarije kimwe mu binyamakuru byandika, ko abishe uwari Perezida HABYARIMANA ari abasirikare be bo muri ex-FAR, hari n'ibindi bimenyetso bikurikira:

I. Kuba indege y'uwari Perezida HABYARIMANA imaze guhanuka, abarisikare ba LONI bashatse guhita bajya aho yaguye ngo batangire iperereza ryo mu rwego mpuzamahanga, abari ingabo z'u Rwanda z'icyo gihe bakabyanga. Abo izo ngabo zemereye kujya aho indege yaguye ni abasirikare b'Abafaransa gusa.

II. Kuba Colonel Théoneste BAGOSORA n'abo bari bafatanije barahise batangaza ko ari abasirikare b'ababiligi barashe indege ya HABYARIMANA birinda guhingutsa ijambo FPR kugira ngo bajijishe FPR igwe mu rujijo no mu giharahiro hagati aho Interahamwe, ex-FAR n'abandi babe bashyira mu bikorwa vuba vuba umugambi wo kwica abantu ntawe uje kubibabuza, kubakoma imbere kandi batigeze bamushyira mu majwi bene ubwite.

III. Aka box/Aka boîte (agasanduku) k'indege gafata amajwi y'ibyabaye byose kaburiye mu ntoki z'ingabo za kera, abasirikare b'Abafaransa na Capitaine BARRIL, wahoze ari muri Gendarmerie y'u Bufaransa wigeze no gutangaza ko ari we ubitse ako gasanduku.

IV. Kuki abaderevu b'indege 3 b'Abafaransa bapfiriye muri iriya ndege, Leta y'u Bufaransa ikaruca ikarumira, ntisabe cyangwa ngo ikore iperereza ku rupfu rwabo ahubwo ikaburabuza imiryango ya bariya baderevu ibabuza kugira icyo bavuga ku rupfu rw'abantu babo uko ari batatu.

Aha turasaba ko imiryango ya bariya baderevu, abagore babo, abana babo n'ababyeyi babo bahabwa uburenganzira bwo kugira icyo batangaza, cyane cyane ko bivugwa ko umuderevu mukuru yaba yaravuganye n'umugore we indege imaze kuraswa, ibyo bikaba byaravuzwe n'umugore we Leta y'u Bufaransa itarajya kubahisha ahantu kure hatazwi.

V. Kuki icyiyise Leta y'Abatabazi bo gutabara HABYARIMANA batasabye cyangwa ngo bakore anketi ku ihanurwa ry'indege y'umuntu wabo? Ni uko bo mu by'ukuri bari bazi uko byagenze, ko ari bo bamwihanuriye kugira ngo babone imbarutso yo kwica abantu nk'uko bari barabiteguye bafatanije na Guverinoma y'u Bufaransa igihe bahaga Interahamwe imyitozo yo kwica muri Parike y'Akagera, mu Mutara n'ahandi.

## 3 Igihano cy'urupfu kizatangwa ejo nk'uko inkiko z'u Rwanda zacyemeje

Ni ngombwa kwibutsa ko Leta y'Ubumwe bw'igihugu iyobora igihugu cyashwanyagujwe n'itsembabwoko n'itsembatsemba bya 1994. Ntibyoroshye kandi kuyobora igihugu nyuma y'ibihe bibi kandi bigoye biruhanije bya nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Uko wayobora igihugu nk'iki nyuma y'ibihe bibi bidasanzwe nka biriya, ntaho wabisanga mu bitabo, mu masomo runaka cyangwa se muri za training izi n'izi ngo ubyitabaze ubishyire mu bikorwa. Mu by'ukuri ni uguhanga bundi bushya kuko nta n'ahandi byabaye ngo ube wanakopera.

Leta y'u Rwanda n'abanyarwanda basanga ubutabera ari inzira nziza inoze yakemura ibibazo byinshi iki gihugu gifite. Ni bwo buzaca ubwibone n'umuco wo kudahana wari warabaye karande mu Rwanda. Ubwo butabera ni na bwo buzaha Abanyarwanda uburere bushya bwo kubaha no kubahiriza ubuzima bwa muntu. Ubutabera buhana, ubutabera burera, bwigisha, byombi bigomba kujyana; kandi Leta y'Ubumwe bw'igihugu yihatira gusuzuma neza niba amategeko yose yarubahirijwe uko bikwiye.

Nk'uko rero byagenze i **NUREMBERG** igihe baciraga imanza Abanazi kubera itsembabwoko bakoreye ku Bayahudi bakanabarasira ku Karubanda nk'uburyo bwo kugangahura u Burayi bwose (exorciser l'Europe) no kugira ngo hatazongera kugira Umunyaburayi wongera gukinisha ibyo kurimbura abantu no kwikoma inyoko-muntu, Leta y'u Rwanda na yo yafashe icyemezo mu bwigenge n'ubusugire bwayo ko ibihano by'urupfu by'ejo bizarangizwa mu ruhame kugira ngo bibere umunyarwanda wese ko ak'ubwibone, umuco wo kudahana kashobotse, ko ubuzima bw'umuntu ari ikintu cy'indakoreka kidakinishwa; ko uko wowe ukomeye ku buzima bwawe, ukaba utifuza ko hari uwabukuvutsa ko ariko n'abandi bakomeye ku buzima bwabo bakaba batifuza ko hari uwabubavutsa; kandi ko nta n'ufite uburenganzira na busa bwo kuvutsa undi ubuzima; ko ufashe uwo mugambi wo kwica abantu abihanirwa by'intangarugero, ibi bitanga gasopo kugira ngo hatazagira uwongera guhindura ubwicanyi umukino.

-----------------------------------------------------------

**Déclaration du comité national chargé de l'information du public national et international (Kigali, 23 Avril 1998).**

Le Comité National chargé de l'Information du Public National et International ( the Government Committee on Information) s'est fait le devoir de rencontrer régulièrement les journalistes du secteur Public et privé et ceux de la presse internationale pour leur faire un bref tour d'horizon avec pour objectif chaque fois de leur présenter l'évolution de la situation générale de notre pays eu égard aux efforts continus que fournit le Gouvernement d'Union Nationale pour asseoir une paix durable et un développement harmonieux au Rwanda.

Pour la présente Conférence de Presse, trois sujets retiendront notre attention:

**1. De la sécurité dans le pays.**

La présence à certains endroits du Nord du Rwanda de certaines actions terroristes commises par des irréductibles du génocide et des massacres de 1994 est une manifestation externe de la présence au Rwanda de quelques personnes ancrées par la philosophie de l'exclusion et de l'ethnisme. Autrement, le Rwanda n'a fondamentalement aucun problème sécuritaire d'ordre militaire ou problème d'ordre politique puisque ses frontières sont bien gardées et intactes, qu'il vit en parfaite harmonie avec ses voisins, et que les principes de sa politique d'unité et de réconciliation nationale ne sont pas mis en cause par qui que ce soit.

Les forces de la fameuse opération turquoise étaient purement et simplement venues pour donner une couverture aux forces génocidaires, qui, après avoir achevé l'oeuvre d'extermination qu'ils s'étaient assignés pendant quatre mois, ont pillé le Pays à partir des avoirs à la Banque Nationale jusqu'aux tôles des maisons de la zone turquoise, en passant par tout ce que ce pays possédait comme armement , ils ont emporté tout sur leur passage, ensuite ils ont déporté la population.

La politique du Président Mitterand et le Gouvernement du Premier Ministre Balladur prenaient cette déportation pour « un vote avec les pieds » contre les forces vives du Rwanda qui ont combattu et arrêté le génocide et les massacres de 1994.

Plusieurs indices montrent l'implication de la France dans le génocide Rwandais:

En effet, Monsieur Hubert Vedrine, alors Secrétaire Général à l'Elysée, n'a-t-il pas déclaré lui-même récemment à une presse écrite que l'avion du Président Habyarimana a été abattu par des Hutus extrémistes de l'ancienne armée rwandaise !

A ce propos, cinq interrogations ci-après subsistent:

a) Après le crash de l'avion du Président Habyarimana, la Communauté Internationale a voulu se saisir de cette affaire, mais les soldats des Nations Unies au sein de la MINUAR se sont vus refusés l'accès à l'appareil. Ce sont des soldats Français qui ont pris l'affaire en main.

Les forces de la fameuse opération turquoise étaient purement et simplement venues pour donner une couverture aux forces génocidaires, qui, après avoir achevé l'oeuvre d'extermination qu'ils s'étaient assignés pendant quatre mois, ont pillé le Pays à partir des avoirs à la Banque Nationale jusqu'aux tôles des maisons de la zone turquoise, en passant par tout ce que ce pays possédait comme armement , ils ont emporté tout sur leur passage, ensuite ils ont déporté la population.

La politique du Président Mitterand et le Gouvernement du Premier Ministre Balladur prenaient cette déportation pour « un vote avec les pieds » contre les forces vives du Rwanda qui ont combattu et arrêté le génocide et les massacres de 1994.

Plusieurs indices montrent l'implication de la France dans le génocide Rwandais:

En effet, Monsieur Hubert Vedrine, alors Secrétaire Général à l'Elysée, n'a-t-il pas déclaré lui-même récemment à une presse écrite que l'avion du Président Habyarimana a été abattu par des Hutus extrémistes de l'ancienne armée rwandaise !

A ce propos, cinq interrogations ci-après subsistent:

a) Après le crash de l'avion du Président Habyarimana, la Communauté Internationale a voulu se saisir de cette affaire, mais les soldats des Nations Unies au sein de la MINUAR se sont vus refusés l'accès à l'appareil. Ce sont des soldats Français qui ont pris l'affaire en main.

b) Après le crash de l'avion du Président Habyarimana, le Colonel Theoneste BAGOSORA a déclaré que l'avion avait été abattu par des soldats belges de la MINUAR. C'était une manoeuvre de digression pour créer un moment de confusion au sein des forces vives de la nation et du FPR afin que ledit Colonel BAGOSORA et les siens aient l'occasion de massacrer qui ils voulaient sans que le FPR ne s'y mêle, n' ayant pas été pointé du doigt comme responsable de l'attentat à l'avion du Président Habyarimana.

c) La boîte noire dudit appareil présidentiel a disparu entre les mains des ex-FAR, de l'armée Française et du Capitaine Barril, Officier Français retraité de la Gendarmerie Française.

d) Pourquoi les trois pilotes Français de l'avion du Président Habyarimana (le Pilote, le Copilote et le Mécanicien navigant) n'ont jamais été instigués ? Le Gouvernement Français a muselé les familles et les parents des trois pilotes. Ces personnes devraient avoir l'occasion de témoigner, notamment l'épouse d'un des Pilotes, dont on dit qu'elle aurait eu une communication téléphonique avec son mari peu avant le crash de l'avion.

e) Pourquoi le Gouvernement autoproclamé des « abatabazi » n'a-t-il pas réclamé une enquête internationale sur les causes du crash de l'avion d'un Chef d'Etat abattu dans l'exercice de ses fonctions ? C'est que les membres dudit Gouvernement autoproclamé des « abatabazi » savaient ce qui s'était passé réellement: il y avait parmi eux le Colonel Bagosora et autres, qui avaient abattu l'avion présidentielle avec la complicité des Français.

Tout cela est donc suspect, et montre l'implication de la France dans le génocide Rwandais. Si l'avion du Président Habyarimana a été abattu, c'était pour créer l'opportunité et donner le coup d'envoi du génocide qu'ils avaient minutieusement préparé à travers les entraînements des interahamwe dans le parc national du Mutara et à travers d'autres actions analogues; Habyarimana devenant lui-même victime de son propre plan.

**3. L'exécution de la peine capitale des condamnés à mort pour leurs crimes de génocide et des massacres de 1994.**

Il est important de noter que les nouvelles autorités Rwandaises font face à des défis majeurs de gestion d'une nation dans une situation délicate et fragile de l'après-génocide. L'expérience devient unique dans son genre et aucune théorie des livres, notes de cours et autres compilations d'expériences diverses ne peuvent venir au secours du Gouvernement Rwandais pour l'inspirer.

Pour s'en sortir, le Gouvernement et le peuple Rwandais croient que la justice est indispensable sur le plan aussi bien légal que moral. Elle doit être un élément clé pour éradiquer l'impunité et, en même temps elle doit être une justice pédagogique. Ces deux aspects de la justice doivent être corrélatifs au Rwanda: une justice à la fois punitive et pédagogique; et il faut rappeler ici que la justice que nous appliquons n'est pas une justice expéditive car nous veillons à ce que toutes les procédures judiciaires soient scrupuleusement suivies et respectées.

A l'instar des procès exemplaires du Tribunal de Nuremberg, qui était chargé de juger les nazis, l'exécution de la peine capitale des condamnés Rwandais pour crime de génocide qu'ils ont commis va exorciser le Pays par cet aspect éducatif qu'elle véhicule: apprendre aux gens que personne n'a le droit d'exterminer impunément d'autres personnes; que la vie humaine est sacrée; que autant vous tenez à votre propre vie et la voulez sauve, autant les autres tiennent à la leur aussi et la veulent sauve.

Fait à Kigali, le 23/4/1998